

INYANDIKO ZIFASHISHWA N'IMPUNZI



PHOTO | JACQUE WAITE

ICUMBI MURI LETA ZUNZE UBUMWE ZA AMERIKA

Yo ugeze muri Leta zunze Ubumwe za Amerika bwa mbere, ushabora guhabwa icyumba mu nzu ya rusange cyangwa muri hoteri, cyangwa se ukabana na bene wanyu bamaze gutuzwa muri Leta zunze Ubumwe za Amerika. Iyo ukiri ingaragu, bashobora kukwegeranya n'impunzi bagenzi bawe bakiri ingaragu kandi muhuje igitsina.

Ikigo Gishinzwe Gutuza Impunzi cyakuzanye kizakora ibishoboka byose ubona icumbi muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika mu kwezi kwa mbere ukigerayo kandi bagushakire icumbi rifite isuku, ricirirtse, kandi riri ahantu hatekanye. Mu ntangiriro, uzaba winjiza amafaranga agereranyije, ni yo mpamvu icumbi uzabamo bwa mbere ritazaba rijyane n'amahitamo yawe. Ariko rero, nucunga neza ayo mafaranga ahoraho, bizagufasha guhitamo aho kuba, mu gihe kizaza, hajyanye n'ubushobozi bwawe, ibyo ukeneye ndetse n'amahitamo yawe.

IBIKORESHO BYO MU NZU

Ikigo Gishinzwe Gutuza Impunzi cyakujanye kigomba gushyira mu nzu cyangwa icyumba bakugenye wowe n'umuryango wawe ibikoresho by'ibanze byo mu nzu hamwe n'ibikoresho byo mu rugo. Muri ibyo harimo intebé, ameza n'uburiri, ibiryamirwa, ibikoresho byo mu gikoni, hamwe n'udukoresho tundi umuntu yifashisha. Ikigo ntabwo gitegetswe kuguha ibikoresho bishyashya. Ibikoresho bigomba kuba ari bizima, ariko ntabwo bigomba kuba ari bishyashya.

Ubusanzwe inzu cyangwa icyumba gikodeshwa bigira igikoni n'amashyiga, aho bogereza ibikoresho, n'icyuma gikonjesha; uruganiriro n'uburiro; icyumba cyo kuraramo kimwe cyangwa byinshi; aho gukarabira; n'aho kubika imyambaro.



PHOTO | M. COHEN

ICUMBI UBONA UKIHAGERA

IBYUMBA



PHOTO | KEVIN STANCHFIELD

PHOTO | AUSTIN HAPPEL

IBICIRO BY'ICUMBI

Akensi kubona icumbi muri Leta Zunze ubumwe za Amerika birahenye, kandi kubona ahantu heza ho kuba biragoye. Birasanzwe kuba abantu bakodesha inzu cyangwa icyumba. Ibiciro by'icumbi bitandukana bitewe na Leta, umujyi, na ndetse bitewe n'agace utuyemo. Aho waba hose, amafaranga y'icumbi ni yo azaba menshi mu yo ukenera mu kwezi.

Ushobora kwimuka mu cyumba cyangwa inzu wabagamo ariko ubanje kubimenyesha nyirayo mbere y'uko wimuka, nk'uko muba mwarabyumvikanyeho mu masezerano y'ubukode. Gusa ugomba kumenya ko hari amafaranga usabwa mu gihe cyo kwimuka, ugomba rero kwiringira ko ubasha kuyishyura mbere y'uko usesa amasezerano y'ubukode.

UBURENGANZIRA N'INSHINGANO KU ICUMBI



Muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, ari nyir'inzu n'umupangayi bafite uburenganzira n'inshingano bagomba kuzuza. Igihe ukodesheje icyumba cyangwa inzu, ugomba gusinya amasezerano y'itwa ay'ubukode. Mu masezerano y'ubukode, ufatwa nk'umupangayi, hanyuma ukemera gukodesha uwo mutungo mu gihe runaka, ukishyurira ubukode ku gihe, kandi ukita kuri uwo mutungo. Gusesa amasezerano y'ubukode wasinye(kwimuka mu cyumba mbere y'uko amasezerano y'ubukode arangira) byatuma ucibwa amande ndetse bikanagira ingaruka mbi ku mafaranga ugenerwa. Igihe wimutse, hari ibintu ugomba kwitaho harimo kumenyesha Leta ya Amerika n'ibiro by'iposita, ndetse n'ibindi. Nyamuneka shaka ababikuyoboromo mu Kigo Gishinzwe Gutuza Impunzi igahe ushaka kwimuka.

INSHINGANO ZA NYIR'INZU



Amategeko agenga amacumbi areba nyir'inzu n'abacumbitse. Ba nyir'amazu bagomba kureba niba amacumbi yabo yuzuje bimwe mu bisabwa nk'umutekano n'ubuziranenge bw'uwo mutungo. Nyir'inzu agomba kumenya neza ko amashanyarazi, amazi, n'ibyuma bitanga ubushyuhe ari bizima. Bagomba guteganya utwuma tumenyesha ahahiye kandi bakamenya neza ko mu nzu hatakwinjiramo imbeba cyangwa udukoko duto. *Amategeko agenga amacumbi kandi avuga ko ba nyir'amacumbi batakwima icumbi umuntu bitewe n'ubwoko bwe, ubwenegihugu, imyemerere, igitsina, umuryango we, uko abayeho, cyangwa imiterere y'umubiri cyangwa imitekerereze ye.*

KUBANA NEZA N'ABATURANYI



Umuturanyi mwiza muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika ni umuntu ubana neza n'abatuye hafi y'icyumba cye cyangwa y'inzu ye. Umuturanyi mwiza yita ku isuku ya bimwe mu bice by'inyubako asangiye n'abandi. Iyo ari inzu yose, ugomba guhora wita ku busitani bwayo kandi ugasohora ibishingwe ku munsi wageneve kubikusanya gusa. Kuba umuturanyi mwiza bivuze ko ugomba kugabanya cyane urusaku mu masaha y'ijoro kugira ngo utabangamira abaturanyi.

Cultural Orientation Resource Exchange

8719 Colesville Road, 3rd Floor • Silver Spring, MD 20910

For more information, visit the CORE Resettlement Navigator website at corenav.org.



The contents of this fact sheet were developed under an agreement financed by the Bureau of Population, Refugees, and Migration, United States Department of State, but do not necessarily represent the policy of that agency and should not assume endorsement by the Federal Government. **This material is in the public domain and may be reproduced.**